# 163: Uhereye kera kose

1.
Uhereye kera kose, Yesu yahoze mw ijuru, Ar' i buryo bw'Uwiteka, Ni yo Man' isumba byose.

2.
Maz' urukundo rwe rwinshi Rwamuzanye mur'iyi si, Avuka nk'abandi bantu,
Ashir' ubwan' arakura.

3.
Atangira no kwigisha Ibyiza by'Uwiteka, Se; Kand' abarwayi bizeye Yakundaga
kubakiza.

4.
Ijambo rye ryakizaga Impumyi n'abaremaye; Yakoraga ku babembe Bamwizeye, bagakira.

5.
Kandi n'abari bapfuye, Yabashaga kubazura; Nta bwo Yesu yananiwe Gukiz'
umunt' umwizeye.

6.
Kand' ikirut' ibyo byose, Yabwirizag' abakene Iby' urukundo rw'Imana
N'iby'agakiza k'iteka.

7.
Maz' abantu babi cyane Batemey' ibyo yavuze Batewe n'ishyari ryinshi Kumwic'
urupfu rubi pe.

8.
Yabambishijw' imbereri Kubwacu, ku Musaraba; Batoboy' ibiganza bye ;
Byakirishag' imbabazi.

9.

Dor' uko yadupfiriye, Azir' ibyaha bya twese; Yapfuye mu cyimbo cyacu Kubw' urukundo rwe rwinshi.

10.

Kand' uz' ahw ur'amwizeye; Ntiyabura kumwakira. Yarabisezerany' ati : , Sinzamuheza na hato

Visit us at indirimbo.com